

4

BISANINYANGE YOHANI DAMASENI
ISHURI NDERABAREZI RYA BUGARAMA
UMWAKA WA KANE

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA

" ICYAKORWA KUGIRA NGO
ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA "

Ku wa Gatatu Kanama 1997

Banyarwanda, Banyarwandakazi!

Duhumurizanye, duhane amahoro i Rwanda, dusabane maze twisubize ibuntu twivanye twivangura tukicamo ibice tukicana ubwacu!

Iyo umuntu yitegereje iyi si dutuyemo asanga iberaho byinshi binyuranye. Uko igenda izenguruka ni ko izengurukana n'ibiyiraho byose. Hamwe na hamwe ugasanga baganya abandi bishimye. Umunyarwanda wo hambere yarangwaga n'umuco nyarwanda umubereye kandi umushimishije, uko ibihe byagiye bisimburana nawo wagiye uhindagurika kugeza ubwo wageze ku ndunduro yo kuzirura ibyaziraga, Abanyarwanda bagatatira igihango bakamena amaraso y'abo basangiye, bakabihemberwa ubutabera burebera dore ko na bwo bwarangwaga n'imikorere mibi bukibanda ku bibazamurira inyungu, rubanda rwagiseseka rukahashirira, umwere agahinduka umunyabyaha ku mugaragaro, henshi na henshi ugasanga uwo urega ari we uregera. Ubuyobozi bukirengagiza ibigomba gukorwa, ahubwo bukishimira kureba ibibi bikorwa bugatonesha bamwe, abandi bagahabwa akato kandi bukiharirwa n'uturere. Ibyo byose byatumye a Abanyarwanda batatana haba mumitekerereze, mu mico ndetse no mubikorwa, ahari ubwumvikane hasimbuzwa amacakubiri. None se hakorwa iki ngo Abanyarwanda bibagirwe ibyo byose bongere babane nk'Abanyarwanda ba Kanyarwanda.

Muri rusange, kera u Rwanda rwari rwiza rwitwa u Rwanda rwa Gasabo. Rwavugaga inka n'ingoma, rutuwe rugendwa. Abarutuye basa basangira, basabana bagashyinqirana bagahigana bahingirana, bakisungana mu byoroshye no mu bikomeye, bakarangwa n'umuco nyarwanda ugasanga bizihye urwabibarutse na rwo rubizihye. Abatarutuye bakarwifuza ndetse bakarurasanira ngo baruture rukabananira ahubwo rwo rukiyongera uko izuba rirenze dore ko rwategekwe n'abami bahoraga basimburana uko ibihe bihaye ibindi barateraga ntibaterwaga. N'ubwo urwa Gasabo rwatembaga amata n'ubuki, kidobya ntiyabuze kurugeramo, dore ko nawe yarwifuzaga ngo aruture yitwaje n'intwari ye y'amacakubiri no gutatanya abarutuye. Ubwo ibanga ry'umuco nyarwanda arisandaza ku karubanda irondakoko n'irondakarere abiha intebe, guheza abandi mu mashuri, mu gisirikari na byo ntiyabuze kubyitwaza, kugeza ubwo yitiranyaga ubwinshi bw'ubwoko n'ubwinshi bw'ibitekerezo bya politiki, kandi uvuze ukuri akabizira.

Nawa munyaburayi waje ari impehe agasanga tuvuzza impundu, akatwuzuzza impuha ngo atugire impunzi adutungishe impungure mu yandi mahanga, yarugezemo aho kumva imibanire y'Abanyarwanda mu buryo bwuzuzanya, ayireba mu byo yise amoko anyuranye. Yumvisha abo yise ubwoko bumwe akunze ko ari akataraboneka ko ari bwo bukwiye ubutegetsu, ko abandi atari abenegihugu, bityo bituma imyifatire ya buri wese icyana n'uko yabwiye, ingaruka y'ibyo iba iyo kwicana, Umunyarwanda akica uwo yabwiye ko badasa wese atarobanuye umwana, umukuru, umusaza cyangwa umukecuru, intego ya wa munyaburayi iba igezweho.

Inzego z'ubuyobozi bwo hambere, nk'uko zagiye zisimburana ntabwo zashoboye kugera ku nshingano zabwo. Aha twavugaga urwego rw'ubucamanza wasangaga bwuzuyemo kubera kandi ari ubutabera, inda nini n'ubusahuze bagamije kurengera inyungu zabo.

Abacamanza aho kubona umunyabyaha ngo ubutabera bwubahirizwe icyaha nikimuhama ahabwe ibihano, naba umwera arekurwe, bakamubonamo umubare w'inoti n'ibiceli ari buze kubapfunyikira kugira ngo urubanza barwice. Uwari umunyabyaha bakamuhindura umwera izuba riva, ahenshi na henshi ugasanga uwo urega ariwe uregera.

Ibyo byose byagiye bica Abanyarwanda intege kugeza ubwo umunyarwanda ubwe yari asigaye yihanira ntabibazwe. Ubwo umuco wo kudahana abanyabyaha wayogoye igihugu bigera aho umunyarwanda yari asigaye yica mugenzi we nk'inyamaswa akabigorererwa kuba umutoni mu butegetsu. Ku bw'iyi ngirwagikorwa babaga bise cyiza n'abandi benshi bakabyigana ndetse bagakaza umurego ngo badacikamwa n'ako gahimbazamusyi. Uwo muco wakomeje gukura ushura imizi uzana n'amashami manini ugiye kwera wera imbuto z'akataraboneka, uwashoboye kuzibona yifashe impungenge ubwo igihugu cyose gicura imiborogo imivu y'amaraso iratamba, imbwa zihabwa abantu mu gihugu zirabahiga uwirukiye inshuti ngo sinkuzi, imipanga n'amahiri birabya indimi, ibyobo byasamiye kumira iyo mbaga y'abantu b'Imana baziraga uko bavutse, abandi bazira ibitekerezo bizima. Ayo mahano akorwa ku manywa y'ihangu ntacyo bishisha.

Mbese ubutabera bw'iki gihe bwo bwakora iki ngo ubwiyunge buzira kwishishanya bugaruke mu banyarwanda batatanijwe n'inzego z'ubutabera zo ha mbere zakoraga nabi?

Dore ingingo ubutabera bwakwibandaho:

- Guca umuco wo kudahana kuko kudahana aribyo byatumye Abanyarwanda bakaza umurego wo gukora amahano ntacyo bishisha.

- Guca ruswa:ruswa ikwiye kwamagamwa mu nzego zose z'ubutegetsu kuko rubanda rwa giseseka rutagira imifuka iremereye ruhanganira ndetse rukahamburirwa na duke rwaririragaho,abarenganywa bagakomeza kurenganywa.
- Gusohoka mu biro:abacamanza bakwiye kudakorera mu biro gusa nibasohoke bajye hanze bitegereze bashishoze,bakore amaperereza yose ashoboka kugirango batagira uwo barenganya,dore ko n'ikinyoma na cyo kimeze nabi,urengana bamurenganure,umunyabyaha ahabwe ibihano biremereye , bihwanye n'uburemere bw'icyaha yakoze, mu butabera.
- Kuvugurura ingingo ziranga amategeko amwe n'amwe kuko hari izitonesha bamwe zigakandamiza abandi,aha twavuye nko ku bagabo n'abagore.
- Gukurikiza amategeko yose nk'uko yateganijwe,nta kwirengagiza amwe n'amwe,ngo urengere bamwe mu bategetsu bafashwe mu byaha dore ko baba bayishe ari bo bayazi kurusha abandi ndetse ari bo bakwiye guhanwa by'intangarugero.Ibintu byo guhishira bikavaho ubutabera bugakorera mu mucyo.
- Kudasubika buri kanya ibyagombye gukemurwa hakiri kare kuko bituma abaturage batagirira ubutabera icyizere,kuko babona ko haba harimo amayeri,n'indi mitwe igamije inyunqu z'abantu aba n'aba.
- Kutaronda uturere,amadini,ibitsina,yaba umukire cyangwa umukene ubutabera bubabone kimwe imbere y'amategeko abagenga.
- Gushishikariza abakozi gukunda umurimo bashinzwe.
- Ibihe tuvuyemo byaranzwe n'imiborogo ubucamanza na bwo nta kintu kigaragara bwakoze cyo guhoza,bamwe mu babishinzwe bagiye baterera iyo, abandi bakigira ba ntibindeba ndetse bamwe bakabwigurutsa ntibamenye ko bari gukerereza ibyagombye kujya ku mugaragaro ngo nyuma bizibagirane,bityo abaturage bakaba bakwivumbura.
- Dore nawe abana benshi babaye imfubyi, abapfakazi barwaye intimba, ibimuga birarira,abasizwe iheruheru barataka,abangirijwe ubuzima bwabo ku bundi buryo na bo baraganya batagira uwo baganyira.Ubutabera ngo bubarengere ndetse bubarenganure,bubahoze amarira.
- Muri iki gihugu amagereza yose yuzuye abantu. Harimo abagomba guhanwa ku bw'ibyaha bakoze,hari n'abagomba kurekurwa kubera ko ari abere.Ibyo bizagerwaho igihe bariya babishinzwe bazagira umwete n'umurava,ndetse n'ubwitange muri iyo mirimo itoroshye. Abanyarwanda bakababa hafi, bakabafasha kugaragaza ukuri.

...//...

Abayobozi bo hambere na bo ntabwo bayoboye neza nk'uko umwungeri mwiza ayobora intama ze. Buri wese yakoraga yishakira ibyamugirira akamaro we n'umuryango we, atitaye ku gihugu cye n'Abanyarwanda bamugiriye icyizere cyo kuyobora.

Mbese wasangaga bimirije imbere kurya igihugu, uwabaga yikubise agashyiraho ngo agaragaze aho ukuri guherereye bakamurigisa ntihazagire umenya irengero rye, irondakarere baba barihayeho intebe kugeza ubwo hari hasigaye haravutse ibyiswe "AKAZU". Uwo muri ako kazu akaba ari we munyarwanda wuzuye utagira imiziro; agahabwa uburenganzira busesuye bwaba ubwo kwiga amashuri ahatse, guhabwa imyanya ikomeye mu butegetsi, kujya mu gisirikare n'ibindi. Ibyo akabigerekaho n'uburenganzira bwo kwica ndetse no gukandamiza rubanda rw'intamenyeka.

Ibyo byose byatumye abatuye u Rwanda rumwe batumvikana, dore ko uwo muri ako kazu atumvikanaga n'uwo bise umunyanduga kimwe n'umushi, ndetse n'umukiga wo hasi. Nuko harongera havuka amashyamba amwe n'amwe akagenda yihishwamo n'abashakaga gutatanyabana b'u Rwanda. Ubwo buyobozi bwatoneshaga bamwe bugakandamiza abandi, ugasanga budindiza uturere tumwe na tumwe, nta gikorwa na kimwe cyiza cyageraga ahantu hatavuka umutegetsi runaka ukomeye, ubwo uwo muco mubi uba uhawe intebe mu gihugu.

Mbese ubuyobozi bw'inzego zose z'ubutegetsi bw'iki gihe bwakora iki ngo ubwiyunge bwongere busesekare mu banyarwanda?

- .Gushyiraho leta ihamye igendera ku mategeko, uyarenzeho agahamwa, kabone n'ubwo yaba ari umutegetsi.
- .Umutekano kuri buri munyarwanda wese.
- .Kutarenganywa n'amategeko.
- .Kugira uburenganzira bwo gutora no gutorwa aho biteganijwe.
- .Kwiga no kwigishwa mu mashuri.
- .Gukora bituma habaho ubwihaze mu biribwa, kuko ushonje atumvikana n'abandi.
- .Guha Abanyarwanda ibikoresho cyangwa ibyangombwa by'ibanze umuntu akenera mu buzima bwe bwa buri munsu (guturaga heza mu midugudu, amazi, meza n'umuriro.)
- .Kuba utazira ibitekerezo bizima byubakira kuko hari benshi babizize.
- .Kugira uburenganzira bwo guturaga mu gihugu, impunzi zigacyurwa kandi zigatuzwa.
- .Kuba ibyemezo byinshi bifatwa n'abayobozi, abaturage na bo bajya babigiramo uruhare dore ko ari na bo biteganijwe.

- Kongerera kwandika amateka y'u Rwanda bundi bushya bityo hakajonjorwamo ibinyoma bifite umugambi wo gusebya no gusenya igihugu,iby'ukuri bigashimangirwa ndetse bigashimwa.
- Gukangurira urubyiruko umuco w'ubumwe n'ubwumvikane,hagakorwa imyidagaduro myinshi ihuza urubyiruko rwo mu mpande zose z'igihugu.
- Kumvisha Abanyarwanda ko amajyambere yabo agomba gushingira ku kazi kabo bwite nta kunyunyuzwa imiti y'abandi.
- Gutanga akazi,amashuri n'ibindi byose umunyarwanda afitiye uburenganzira biciye mu butabera.
- Gutanga agahimbazamusyi bashingiye ku bwitange n'umurava umukozi yakoranye igikorwa cyiza cyagaragaye cyane cyane mu bishimangira ubumwe bw'igihugu.
- Kwigisha Abanyarwanda ubumwe n'akamaro kabwo hakoreshejwe insakazamajwi,amadini,amashyirahamwe,...
- Gushyiraho ikintu kigaragara cyibutsa ubumwe mu banyarwanda.
- Guha ubuyobozi abantu b'inyangamugayo, indakemwa mu mico no mu mwifatiye,bafite ibitekerezo byiza byubaka,bafite ubushobozi,kwitanga n'umurava.
- Kwigisha kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu,buri munyarwanda wese akamenya ko uburenganzira bwe burangirira aho ubw'umugenzi we butangirira bityo buri wese akazirikana iteka ubuzima bw'abandi.
- Kujya mu giturage no mu migi gukoresha ibiganiro mbwirwaruhame bishishikariza Abanyarwanda gusabana, byamagana ubwicanyi, ubugome n'ubusahuze tutibagiwe ibindi byose byatuma igihugu cyongera gucikamo igikuba nka za nsakazamajwi zashyuhije imitwe y'Abanyarwanda zibahamagarira kumarana,aho twavugaga nka R.T.L.M n'abambari bayo.

Umunyarwanda wa nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda afite icyo yakora na we mu kugarura ubwiyunge mu gihugu dore ko ari na we gikoreshe cy'ibyiza n'ibibi cya ziriya nzego zose z'ubutegetsu bw'igihugu.

Nk'uko umunyarwanda wo hambere yarangwaga n'umuco nyarwanda umubereye,yirinda gutatira igihango, akirinda icyateza amahano,abana neza n'abandi. N'ubwo byaje guhinduka ni ko n'umunyarwanda wo muri ibi bihe tuvuyemo bitoroshye agomba gukora,agaharanira icyateza abandi imbere aho gushaka ikibacamo ibice.

Mu Rwanda rwacu iyo umuntu avutse akenera ababyeyi bo kumwitaho kugirango ubuzima bwe bumererwe neza, uko arushaho gukura ni ko agenda akenera abavandimwe n'inshuti muri ubwo buzima.

Si ku muntu umwe gusa cyangwa umuryango, n'ibihugu birakenerana kugira ngo ubukunqu bwabyo burusheho gutera imbere.

Ubwo muri uko kwisungana ubumwe n'ubusabane biba birimo bivuka, ibyo kuba nyamwigendaho bigacika mu banyarwanda, umuntu akumva ko agomba gukenera abandi na we akumva ko hari abandi bamukeneye kugirango ubuzima bwabo bumererwe neza.

Iyo umuntu amaze kumenya ko agomba gukenera abandi kandi ko na we hari abamukeneye umubano urushaho kwiyongera icyabahuzaga kigafata indi ntera, bityo ibi biranga ubucuti bikagaragara: kugaburirana, guhana ibintu, gushyingirana n'ibindi byose biranga umuco w'ubusabane.

-Kwemera icyaha no kwirega bizatuma Abanyarwanda bongera kugirirana icyizere, kuko iyo wemeye icyaha ndetse ukirega biba bikaragaza ko ushaka gusubira mu nzira nyayo, kandi ni muri urwo rwego uba worohereza ubutabera akazi.

-Kubabarira: Abanyarwanda bagomba kugaragaza umutima ubabarira w'imbabazi, bakababarira bagenzi babo bemeye gusaba imbabazi.

-Kwiyibagiza ibyabaye ku bantu bamwe na bamwe kuko kuguma kubitekerezaho bituma umuntu arwara inzika, ububabare yagize bugahora bugaruka akaba yashaka kwihorera kandi ubutabera buhari.

-Gufashanya: Abanyarwanda bakwiye kongera kujya bafashanya, bakarenqera imfubyi, abapfakazi ndetse n'ibimuga cyane cyane abahuye n'amahano yabaye muri iki gihugu, bakavutswa ubuzima bwabo bwiza bari bifitiye.

-Gusurana: Abanyarwanda bakwiye gusurana bakungurana ibitekerezo byiza ndetse bakaganira ku muco nyarwanda usigaye warabaye icyiro ry'imigani, aho umwana na nyina basigaye bagenda bambaye ukuri ku gasozi ngo ni amajyambere yaje.

-Gusangira: Abanyarwanda twirinde inda mbi yo kwikubira ahubwo dusangire duke dushoboye kubona kandi bigakorwa nta bugome bubayemo dore ko n'amarozi arimo aca ibintu ku bitwa ngo barasangira.

Muri make nk'uko tumaze kubibona dore icyakorwa kugirango Abanyarwanda bongere babane neza:

...//...

- Guca umuco wo kudahana watoje Abanyarwanda kumena amaraso ya bagenzi ntacyo bishisha.
- Ubucamanza bukiyambura kubera bukaba ubutabera kandi inyoroshyo ari yo ruswa igacika burundu maze ubutabera bukaba ubutabeshya.
- Gukora amaperereza yose ashoboka ku bakekwaho ibyaha, ukuri kukagaragara, ibihano biqatangwa mu nzego zose.
- Guha impozamarira abasizwe iheruheru n'amahano yayogoje igihugu.
- Gutanga ibiganiro mbwirwaruhame bihamagarira Abanyarwanda kongera kunga ubumwe.
- Kugira ubwuzuzanye mu nzego zose z'ubutegetsu, bamwe bakorohera abandi akazi, ubwitange n'umurava bikagaragara, kandi buri wese agakurikiza amategeko amugenga mu kazi ke.
- Gushakira urubyiruko imirimo kuko kutakira umukoro bitera gushukwa n'amaronko y'abagamiye inyungu zabo, rugakangurirwa kugira ubumwe n'ubusabane dore ko ari rwo gikoresho cy'ibibi n'ibyiza.
- Guha ubuyobozi abantu bazima badafite imigambi mibisha yo kongera koreka u Rwanda.
- Kubumbatira umuco nyarwanda, maze indobanure ya bimwe mu byiza byawurangaga igashimangirwa kandi ikigishwa.
- Kwiyambura ibintu by'amoko bishobora kongera kubatandukanya, bakumva ko bese ari Abanyarwa basangiye igihugu.
- Abanyamadini nabo bakigisha kugira umutima w'imbabazi, gukundana no gushyira mu bikorwa amategeko yose y'Imana.
- Gutoza abana ubumwe n'ubusabane hakiri kare, kuko ari bo Rwanda rw'ejo, rumwe rujya rukora amahano nk'ayabaye rumaze gukura iyo rutigishijwe hakiri kare.

Harakabaho u Rwanda rwiza !
Harakabaho abayobozi beza !

NYAKANGA 1997

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA

INYANDIKO YA : SINDAYIGAYA JACQUES

AHO ABARIZWA :- ISEMINARI NTO YA
MUTAGATIFU VISENTI

- UMWAKA WA GATANDATU

- ISHAMI . IKILATINI
N'INDIMI ZIVUGWA

**ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYA-
RWANDA BONGERE BABANE NEZA.**

AMAHANO YO MU WA 94 N'UBYAYAKURIKYE



UBWICANYI




AMACAKUBIRI UMWIRYANE




KWIGUNGA

UMUBANO TWIFUZA KUGERAHO

UBUSABANE



GUFATANYA KUBAKA U RWANDA



KUJYA' INAMA



HAKORWA IKI NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA ?

1

**HAKORWA IKI KUGIRA NGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA ?**

IBIKUBIYE MURI IYI NYANDIKO

I. INTANGIRIRO

II. AMATEKA Y'AMACAKUBIRI MU RWANDA N'INGARUKA ZAYO.

- II. 1 : ABANYARWANDA BAPFUYE IKI KANDI BATERANYIJWE NA NDE ?
II. 2 : NI IZIHE NGARUKA Z'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA MURI IBI BIHE ?

III. ICYAKORWA KUGIRA NGO AMAHORO N'UBUSABANE BIGANZE I RWANDA

- III. 1 : AKAMARO K'UBWIYUNGE N'ABAZIYUNGA.
III. 2 : NI URUHE RUHARE RW'UBUTABERA MU BWIYUNGE ?
III. 3 : UBUTEGETSI BW'IGIHUGU BWAHUZA BUTE ABANYARWANDA ?
III. 4 : URUHARE RW'AMADINI N'AMASHYIRAHAMWE AHUZA ABANTU.
III. 5 : UBUREZI BUZIMA, ISOKO Y'UBURERE BUBONEYE BUKENEWE MU GUTOZA ABANTU INZIRA Y'UBWIYUNGE.
III. 6 : URUHARE RW'IMPUGUKE (ABIZE N'ABIGA)MU GUSHISHIKARIZA ABANTU KUBANA NEZA.
III. 7 : ABATURAGE BAKORA IKI KUGIRA NGO UBUSABANE BUSAKARE ?
III. 8 : URUHARE RW'ITANGAZAMAKURU MU BWIYUNGE.

IV. UMWANZURO

Kuva muri Mata 1994 u Rwanda rwacuze imiborogo, imivu y'amaraso iratembera maze abanyarwanda barenga miliyoni baratikizwa. Bivuganywe n'abandi banyarwanda, bapfa bazira ubwoko bwabo cyangwa ibitekerezo bya politiki bari bafite. Ubwo bwicanyi bwahagaritswe muri Nyakanga 1994, bwaje kwitwa « Itsembabwoko n'Itsembatsemba » hakurikijwe uburyo bwakozwemo. Imibanire y'abanyarwanda yahungabanyijwe bitavugwa n'ayo mahano. Inzego zose z'imibereho y'abaturage zarashegeshwe, ubukungu nabwo burahazaharira. Igitotsi cyagaragaye mu mibanire yacu gishingiye ahanini ku rwihekwe no kwishishanya. Ni ngombwa rero ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo abanyarwanda biyunge, batahirize umuguzi umwe mu komora igihugu cyabo ibikomere cyasaritswe n'abagikoze mu nda, kugira ngo ubwo bwiyunge bugerweho, hari byinshi bigomba gukorwa mu kwimakaza umuco w'amahoro. Kwemera gushakira hamwe icyakorwa kugira ngo tubane mu bwumvikane no mu bworoherane, bizatuma duca burundu ubugome n'urugomo, maze tureme u Rwanda ruzira icyasha rusanganya abo rwibarutse.

II. AMATEKA Y'AMACAKUBIRI MU RWANDA N'INGARUKA ZAYO.

II. 1 : ABANYARWANDA BAPFUYE IKI KANDI BATERANYIJWE NA NDE ?

Itsembabwoko n'Itsembatsemba bishora imizi yabyo mu mateka y'u Rwanda kuko ari ingaruka z'imyigishirize n'imitegekere byaranze u Rwanda guhera mu mwaka wa 1900. Mbere y'umwaduko w'abazungu nta makimbarane cyangwa ubwicanyi bushingiye ku moko byarangwaga hagati y'abaturage, ahubwo rimwe na rimwe habagaho amagomerane hagati y'ibikomangoma nk'uko byagenze ku Rucunshu. Abaturage bari babanye neza bagasangira, bagashyingirana kandi bagatabarira hamwe igihugu nk'umuntu umwe. Iyatokoje umubano wabo ni ibi bikurikira :

a) Amacakubiri yabibwe na ba mpatsibihugu n'ababasimbuye.

Abakoloni bakimara gusekera mu Rwanda bifashishije abamisiyoneri maze bashyira ivangura mu mashuri no mu butegetsi, bashyira amoko mu ndangamuntu, barangije basenya ubumwe bw'abanyarwanda babumvisha ko batareshya, ntibananganye ubwenge n'ubushobozi. Imbutu yabyo yagaragaye bwa mbere mu mwaka wa 1959, ubwo abanyarwanda benshi bishwe, bagatwikirwa, bagasahurwa abandi bakameneshwa. Repubulika ya mbere yasimbuye abakoloni, n'iya kabiri yayihitse zunze mu ryabo, politiki y'ironabwoko yunganirwa n'iy'ironakarere, maze iringaniza rirarikorwa bamwe bahezwa mu byiza by'urwababyaye nko mu rwego rw'amashuri, mu butegetsi no mu ngabo z'igihugu.

b) Ibura ry'ubutabera :

Iyo u Rwanda rugira ubutabera buboneye ntiruba rwarageze iwa Ndabaga. Aho kugira ngo itegeko rirengere buri wese, umuco wo kudahana warimakajwe. Mu banyarwanda habayemo bya nyakurenganywa badakoma, hakabamo n'abakosa ntacyo bishisha nk'abari hejuru y'amategeko. Ibura ry'ubutabera buhamye niryo rero ryatumye intera y'ubugome n'ibikorwa byibasira inyokomuntu ikomeza kuzamuka iherezo rikaba gutsembatsemba.

c) Inda nini no kwikubira :

Abanyarwanda bapfuye inda nini no kwikubira, maze bamwe baremarara bibwira ko ibyiza by'igihugu ari umwihariko wabo bonyine abasigaye barahinda. Ibyo byajyanye no gukumira impunzi ngo igihugu ni gito, n'abari mu gihugu bagashiohana, bityo uko hagize ukoma imbarutso bagacagurana, bashaka kwigwizaho amasambu n'imitungo.

Abanyarwanda bitabiriye kumarana no gusenya urwabo kubera ubujiji bukabije bwa benshi bafataga icyo babwiwe n'umutegetsi cyangwa uwize nk'ihame ridakuka. Abo baroshywe mu bwicanyi nk'abahumirije, bamwe bumva ko nta kundi byagenda abandi bibwira ko bazabihemberwa.

e) Umuco wo kurenzaho no kutabwizanya ukuri :

Abanyarwanda na none bazize kutaganira, ngo bo ubwabo bikemurire utubazo tunyuranye tuvutse hagati yabo. Ntabwo bigeze babwizanya ukuri, maze kurenzaho kwabo kumera nk'umwotsi wahishwe igihe kirekire kugeza aho umuriro ugurumana.

II. 2 : NI IZIHE NGARUKA Z'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSE-MBA MURI IBI BIHE

Ubukungu bwa mbere bw'igihugu ni abagituye. Mu guhitana abantu batagira ingano, itsembabwoko n'itsembatsemba byasize icyuho kinini mu gihugu. Imfubyi, abapfakazi n'abamugaye ni imbabare leta igomba kwitaho akenshi nayo idafite amikoro. Imitungo yarasahuwe, ibikorwa by'amajyambere birasenywa kandi abaturage benshi barahunga, bamwe muri bo bakaba bakibungera hirya no hino. Isura y'igihugu yaranduye, imibanire y'abanyarwanda irahubangana, urwikekwe no kwishishanya biba icyago maze kwitsitsa ku moko no kurondana birabyutswa. Imiryango myinshi yarazimye burundu, indi irasenyuka cyangwa iratatana. Hamwe na hamwe haragaragara amakimbirane ashingiye ku mitungo kandi bikagaragara ko igikorwa cyo gufunga abakekwaho ubwicanyi bigwamo abere bahoterwa bazira inzangano n'amashyari, mu gihe hari abandi ba ruharwa babuze ababashinja. Hamwe na hamwe haracyagaragara ibikorwa byibasira abarokotse ; hari abanyarwanda batemera ko ababo boretse imbaga bahanwa, ku rundi ruhande hakaba abibwira ko abandi bese ari abicanyi.

Izi ngaruka zose zibangamira igikorwa cyo kubanisha bene kanyarwanda. Zikwiye gushakirwa umuti uboneye kandi unyuze buri wese, maze ubwiyunge bukagerwaho nta gisibya, bukaba intsinzi kuri bese.

III. : ICYAKORWA KUGIRA NGO AMAHORO N'UBUSA-BANE BIGANZE I RWANDA.

III. 1 : AKAMARO K'UBWIYUNGE N'ABAZIYUNGA :

N'ubwo bwose inkovu icitse irushya abavuzi, dufite integano yo kwikemurira ubwacu ibibazo by'ingutu byagaragaye mu mibanire yacu. Inzira y'ubwiyunge niyo yonyine izatugeza ku mahoro azira amahane, itugeze ku mubano uzira umunabi, Gahutu, Gatwa na Gatutsi bahashye urwango, urwababyaye rube isangano. Ubwiyunge buzahosha amakimbirane butsinde kurenzaho maze abateranaga umugongo bafatane urunana ibyabatanyaga bifutuke. Ubwiyunge buzatuma ubukungu buzamuka maze buri wese atere intambwe, kuko azakora ashishikaye atagishengurwa n'uko ba rusahuriramunduru bakongera kumujisha bagahindura umuyonga ibyo yagezeho yiyushye akuya.

Kuvuga ubwiyunge bijyana no kwerekana abaziyunga. Igikorwa cyo guhuza abuzukuruza ba Gihanga kizaba hagati y'abahohotewe n'amarorerwa yo mu mwaka wa 1994 n'abandi bese batagize uruhare mu bwicanyi. Birumvikana ko ba rukarabankaba bese bagomba gushyikirizwa inkiko bagakanirwa urubakwiye. icyo gikorwa kigomba kandi gusabanya abatahutse bava ishyamba n'abo basanze mu gihugu. Bitewe n'uko ntawe uteze kuzava ahandi ngo atwunge, tugomba kumva ko ibibazo byacu ari twe tuzabyikemurira binyuze mu kuganira, mu koroherana no mu gusabana. Uretse

4
abaturage hagati yabo, ubutegetsi nabwo bugomba kwiwunga n'abaturage, bukabasaba imbabazi kuko aribwo bwahembereye inyangano hagati yabo.

Kugira ngo ubwiyunge bugerweho, hari byinshi bigomba gukorwa na Leta (abari mu nzego z'ubutegetsi), ibigomba gukorwa n'amadini, amashyirahamwe ahuza abantu, abarezi, impuguke n'itangamakuru, hakaba n'ibisabwa buri muturage. Urwego rw'ubutabera narwo ntirwibagiwe, kuko arirwo buye nsanganyarukuta abanyarwanda bazashingiraho bubaka igihugu gishya.

III. 2 : URUHARE RW'UBUTABERA MU KUBA-NISHA ABANYARWANDA

Ubutabera ni inkingi y'amahoro. Bugomba gutuma amategeko ariho yubahirizwa, umugiranabi agahanwa by'intangarugero, umuco wo kudahana ukaranduranwa n'imizi yawo. Itegeko rigomba kwimakazwa, rikareba buri wese, ntihagire abaryishyira hejuru cyangwa abo rihutaza. Nk'uko abafite icyaha bakwiye icyasha mu ruhanga, ubutabera buzambika umugome umugoma, maze ahabwe akato, aterwe icyuhagiye atange ikiru. Bityo abere bazagaragara nta shiti, bafatanye n'abasigaye bese mu kubaka igihugu.

Ubutabera bujyana no kubahiriza umutungo wa buri wese, kandi abantu bese bakagira amahirwe angana boroherezwa mu kubona iby'ibanze bakenera. Uburenganzira bw'ikiremwanuntu bugomba kurengerwa, buri muturarwanda akumva ko hariho urwego rushinzwe kumurinda no kumurenganura aramutse ahohotewe. Aha abaturage bagomba kumenya inshingano zabo kandi bakamenya uburenganzira bahabwa n'amategeko. Bugomba kuzira inyoroshyo n'ikimenyane bukaba ikimenyetso cy'ubwizerane n'isoko y'umubano uzira ubutari.

Kugira ngo ibi bigerweho urwego rw'ubutabera rugomba kuba rufite ubwigenge n'ubwisanzure bihagije, ntibugire ubukoma mu nkokora cyangwa ngo bukorere mu kwaha k'ubutegetsi, bwaba ubw'inyubahirizategeko cyangwa se ubutegetsi nshingamategeko.

III. 3 : LETA YAHUZA ITE ABANYARWANDA ?

Ubutegetsi bufite uruhare rw'ibanze mu kubanisha abanyarwanda, kuko imiyoborere y'igihugu ishobora gutiza umurindi cyangwa guca burundu amacakubiri.

a) Guhumuriza abaturage :

Mbere na mbere ubutegetsi bugomba guha impongano abo ubwabubanjirije bwigirijeho nkana. Koko rero, ubutegetsi ntibuhinduka. Bwahozeho, buriho kandi buzahoraho : hahindura abategetsi gusa. Ibyo bisobanura ko ubutegetsi bushobora kuryozwa ibibi byakozwe n'ubwabubanjirije. Nk'uko ubutegetsi bubi aribwo bwigishije inyangano mu bantu, ubu noneho imvugo n'ingiro bigomba kwereka abaturage ko ibintu byahindutse. Bugomba kurenganura abarokotse, bakitabwaho, bukababa hafi ngo hato ejo imfubyi n'abapfakazi batazabura kirengera, bakigunga bakaba ba nyamwigendaho. Kugira ngo abaturage bagarurire ubutegetsi ikizere, abategetsi bagomba kubaha ikizere cy'uko ivangura n'akarengane bitazongera kwimikwa, kandi iteka bakabakangurira ubworoherane.

b) Kujijura abaturage.

Ubutegetsi bugomba gushyiraho gahunda y'ibikorwa n'ingamba zifatika mu kujijura no guhugura abaturage. Abaturage bagomba gusobanurirwa neza ibibazo biriho n'uburyo bwo kubikemura, kuko byagaragaye ko hari aburirira ku bujiji bwabo bakabatsindagiramo ibitekerezo by'ivangura.

c) Gutsura demukarasi no guha abaturage ijambo

Mu gihugu hagomba kubamo demukarasi itari ya yindi y'amashyaka na mitingi gusa. Iyo demukarasi igomba kujyana n'umuco n'imibereho y'abanyarwanda, aho guterura iby'abandi ngo biturwe ku baturage, maze bifatwe nk'amahame kandi bidahuje n'ibibazo by'u Rwanda. Igomba kuba ari demukarasi nyarwanda, abenegihugu bakaba ari bo bagena umurongo ikurikiza. Kugira ngo bigerweho, abaturage bagomba kuyitegurirwa bihagije. Demukarasi igomba kujyana no kwemera impaka zubaka ku bibazo biriho, kuvuga icyo utekereza n'ubwisanzure bw'ubutabera.

Abaturage bagomba kuba ifatizo ry'ubutegetsi, bakisanzura, bakabona uburyo bwo kugaragaza ibitekerezo byabo kandi bakitorera ababahagararira mu nzego zose. Bityo abanyarwanda nibabihugurirwa kandi bakagishwa inama, ibyemezo bifatwa bizajya byakirwa neza kandi bikurikizwe kuko bizaba bivoma isoko yabyo mu baturage. Iyi ntambwe y'amatora igomba guteguranywa ubwitonzi, igihe kikazagera buri wese yaracengewe n'amatwara ya demukarasi.

d) Kurinda umutekano w'abaturage n'umutungo wabo :

Leta ifite inshingano ikomeye yo kuba umwishingizi w'umutekano w'abaturage n'ituze mu gihugu. Niyo mpamvu ubutegetsi bugomba gukoma imbere ikintu cyose cyashaka guhungabanya ubuzima bw'abagituye. Ingabo zigomba gukorana n'abaturage, bakazizera nazo zikabarengera.

d) Isaranganywa ry'umutungo no guca ubusumbane :

Umutungo w'igihugu ugomba gusaranganywa neza, buri wese akagira uruhare mu micungire yawo ntiwiharirwe n'agatsiko k'abantu bake, kuko byagaragaye ko mu byoretse u Rwanda harimo kwikubira n'inda nini. Uko gusaranganywa umutungo bigomba kujyana n'uko imirimo yose n'imyanya y'ubutegetsi bitangwa hakurikijwe ubushobozi bwa buri wese, abaturage bose bakagira amahirwe angana. Ibyo nibikorwa, ntawe uzongera gushuka abaturage, abafatanyije n'ubukene n'ubujiji.

e) Guha ubutabera ubwisanzure n'uburyo bwo gukora :

Kugira ngo ubutabera bugere ku nshingano zabwo, bugomba kugira ubwisanzure buhagije n'uburyo bwo gukora. Abategetsi bagomba kwirinda kuvangira urwego rw'ubucamanza no kwivanga mu mikorere yarwo, ahubwo bagakora uko bashoboye kose kugira ngo barwongerere ubushobozi.

f) Kwimiriza imbere iterambere ry'igihugu :

Iyo abantu bakennye kubashuka biroroha cyane. Ubutegetsi bugomba guhora buzirikana ko bubereyeho guteza imbere igihugu, bugashaka ingamba ziboneye zo gutsura ubukungu no kongera ibikorwa by'amajyambere.

III. 4 : URUHARE RW'AMADINI N'AMASHYIRAHAMWE AHUZA ABANTU :

a) Amadini :

Amadini ni imiyoboro ikomeye mu guteza imbere ikiremwamuntu, haba mu bya roho cyangwa mu gutsura imibereho y'abaturage. Abanyamadini batari bake bagize uruhare mu guhembera inyangano n'ubwicanyi, uko bibaye bakarebera aho gukangurira abayoboke b'amadini yabo kubana neza, kandi bizwi neza ko ijwi ryabo ryumvwa na benshi. Ubu amadini akwiye gufata iya mbere mu kugoboka no guhoza ababaye bese. Abanyamadini bagomba kuba abahuza ba nyabo hagati y'Imana

6

n'abantu, bakigisha urukundo kandi bagaharanira ukuri n'ubutabera. Ni muri urwo rwego bakoroshya kandi bakihutisha igikorwa cyo kubanisha neza abanyarwanda, batanga urugero rwiza mu buzima bwabo no mu nyigisho batanga.

Amadini agomba kuzuzanya na Leta, ariko abayobozi bayo bakirinda kwivanga mu bya politiki no guharanira ibyubahiro. Umuganda wabo n'uwo kuvugurura mu mahoro ibitagenda neza, bigisha abo bashinzwe igikwiye. Ibikorwa byabo kandi bigomba kugaragarira mu guteza imbere inzego z'ibanze z'imibereho y'abaturage nk'ubuzima, uburezi n'izindi. Ibya Kayizari bagomba kubirekera Kayizari bagaharanira ikuzo ry'Imana.

b) Amashyirahamwe :

Amashyirahamwe yose akorera mu gihugu agomba gushyira mu bikorwa byayo gahunda y'amahugurwa n'inyigisho bikangurira ubwiyunge n'ubusabane. Ibyo bizatuma abayarimo batiteza imbere mu mibereho myiza gusa, ahubwo bagira n'ibitekerezo byubaka bibafasha kubanira abandi.

III. 5 : URUHARE RW'UBUREZI MU NZIRA Y'UBWIYUNGE

Umwana apfa mu iterura kandi igiti kigororwa kikiri gito. Hagomba ivugururamuco mu burezi, kugira ngo abana badakurana ibitekerezo bibi, bakabikomeza mu mashuri maze bakazajya gukura barabaye ba rutare. Niyo mpamvu uburere bwo mu muryango bugomba kwitabwaho cyane, ababyeyi bakarinda abana babo ibitekerezo by'ivangura, bakabatoza kubahana no koroherana, abana bagakurana igitekerezo cy'uko abantu bose bareshya. Koko rero, uburere bwo mu muryango nibwo shingiro ry'imico umuntu agaragaza amaze gukura.

Uburere bwo mu mashuri bugomba kuza bwunganira ubwo mu muryango, abana bakarindwa inyigisho zose zabagorekera umutima, ahubwo bagatozwa ubumwe n'urukundo. ibi bisaba ko ababyeyi n'abarezi batanga urugero rwiza, kora ndebe ikaruta vuga numve. Na none ubufatanye bw'ababyeyi n'abarezi mu gukurikirana uburere bw'abana ni ngombwa, kugira ngo igihe abana batangiyeye gutezuka ku migenco myiza bahwiturwe hakiri kare, kuko ihene ifatwa igihebeba.

III. 6 : URUHARE RW'IMPUGUKE MU KUBANISHA ABANYARWANDA

Abize bese bagomba gufasha ubutegetsu mu kugera ku banyarwanda b'ingeri zose, bagahugura abaturage babashishikariza ubusabane, bityo amahirwe bagize yo kwiga akagirira akamaro na rubanda rwa giseseka.

Abanyeshuri bakiri mu rwego rwo gutara ubumenyi nabo ntibagomba gutahira ubwo buhanga budashyigikiwe n'umutimanama. Bagomba kwicengezamo amatwara y'ubworoherane, maze bakabera abo basize inyuma ibitembo by'ubusabane, dore ko babatezeho kubahugura. Koko rero, nibamara guhanagura ubwoko mu bwoko bwabo, bazagendana ubwema bwo kubwira ab'iwabo ko bagomba kubana.

III. 7 : ABATURAGE BAKORA IKI KUGIRA NGO UBUSABANE BUSAKARE ?

a) Kuganira ku byabaye no koroherana :

- Kuganira ku byabaye ni ngombwa kugira ngo buri wese asobanukirwe n'imvano yabyo, yumve ububi bwabyo kandi atekereze ku ngaruka byabyaye. Bityo, buri wese azahagurukira gufatanya n'abandi mu kurandura imizi y'amacakubiri, akumva ko iki gihugu agomba kukibanamo n'abandi, akabaha amahoro nabo ntibamubangamire.

7

Ntawe ugomba gukomeza kugendera ku bitekerezo bishaje, ngo yumve ko igihugu ari akarima k'ubwoko, k'akarere cyangwa umwihariko w'abo bahuje ibitekerezo. Abantu baratandukanye mu miterere, mu mitekerereze no mu mikorere. Ibyo abantu badahuriyeho bikwiye kuba imvano yo gusanganya no guhuriza hamwe ibyiza buri wese afite. Buri wese niyemera ko ibyo atanyeho n'abandi bitagomba kuba inkomoko yo guhangana, izaba ari intambwe ikomeye iganisha ku bwiye. Abantu nibagerageza koroherana batishishanya, bazumva ko nta n'ugomba guharirwa wenyine gushaka umuti w'ibizazane turimo. Buri wese, byaba byaramuzahaje cyane cyangwa se buhoro, agomba kumva ko bimureba, akagaragaza ibikorwa bifatika mu guteza imbere igihugu.

b) Kwita ku basizwe iheruheru n'ubwicanyi :

Abakomerekejwe ku mutima n'itsembambaga, abamugaye kimwe n'abahahamutse ntibagomba gutereranwa ngo birwarize kandi ntacyo bishoboreye. Inkunga ya mbere ni ukubumva no kubashyigikira ngo babashe kwivana mu makuba baroshyemo. Buri muturage akwiye kubegera akabafasha kugira ngo batumva bari bonyine bakigunga.

c) Kumva ko ubutabera bugomba gukora akazi kabwo :

Aha abahohotewe basabwa kwemera guharira Leta umurimo wo kubarenganura, bakihatira kubana neza n'abatarakoze ikibi. Bagomba kwirinda kugira uwo bahamya icyaha ntacyo bashyigiyeho, ahubwo buri wese akareberwa ibikorwa bye bwite aho kureberwa mu ndorerwamo y'ubwoko cyangwa akarere.

Abafite ababo bakoze amahano nabo bakwiye kwemera ko ibyabaye bigomba guhanirwa by'intangarugero aho kubarengera cyangwa kubahishira. Bose bashyize mu gaciro bakumva ko ibyabaye bitagomba gusubira, nta kabuza ubwumvikane bwagerwaho.

d) Kubahana no gukemurira utubazo duto muri gacaca :

- Abanyarwanda bagomba kuzibukira ubwironde ubwo aribwo bwose, bakubahana kandi bagakomeza imigenzo ya kimuntu iri mu muco wacu ituma buri wese yishimira kandi akubaha mugenzi we. Bisaba kumva ko na mugenzi wawe ashobora kugira ibitekerezo byubaka bifite ireme, akabyubahirwa. Bijyana kandi no kwirinda imyifatire n'amagambo bikomeretsa, kurenzaho bigasimburwa no koroherana.

- Bagomba kumenya kwikemurira utubazo duto twavuka hagati yabo, ntibumve ko ikitagenda cyose kigomba kurangizwa no guhangana. Aha gacaca ikwiye gusubirana agaciro kayo mu kunga no guhuza abaturage.

e) Kugira ubushishozi :

Buri muturage asabwa kugira ubushishozi no gushyira mu gaciro, ntiyemere kuba igikoresho cy'abahirimbanira inyungu zabo bwite kandi akamenya gushungura ibyo abwiye n'abategets, n'impuguke cyangwa n'itangamakuru. Bityo azazibukira uzashaka wese kubiba inzangano n'amacakubiri.

f) Kwitabira umurimo no kwirinda ubusahiranda :

Abaturage basabwa kwitabira umurimo kuko ariwo uhisha umuntu agaciro, ugateza imbere akarere n'igihugu. Bagomba kugendera kure kwikubira, buri wese akanezwe n'ibyo yakoreye.